# Itangazo ry'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) mu rwego rw'indwara ya virusi ya Marburg (MVD)

**Tariki ya 3 Ukwakira 2024**

Hashingiwe ku mabwiriza yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rwifuje kugira ibyo rutangariza abafatanyabikorwa ku cyorezo cya Marburg (MVD). Kuva abarwayi ba mbere bagaragara, u Rwanda rwihutiye gufata ingamba zo kugikumira kugirango kidakwirakwira. Nubwo Marburg ari indwara ikomeye, ntiyandurira mu mwuka, ahubwo yandurira gusa mu gukoranaho n'amaraso, amatembabuzi y'umubiri cyangwa gukoresha ibikoresho byanduye by'umuntu warwaye kandi ugaragaza ibimenyetso.

U Rwanda rurakomeza gukora ibikorwa byose by'ubucuruzi nkuko bisanzwe. Ariko kugira ngo umutekano w'Abanyarwanda n'abarusura wizerwe, turifuza gutanga amabwiriza akurikira:

### Ibigo by'Ubucuruzi

Ibigo by'ubucuruzi birasabwa gukomeza gukora nk'uko bisanzwe. Ariko birasabwa gukurikiza amabwiriza y'isuku yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima, harimo gupima umuriro ku binjira ndetse no gutanga aho gukarabira intoki cyangwa gukoresha umuti wica udukoko ku miryango.

Izi ngamba ni ngombwa mu kurinda ubuzima bw'abakozi n'abakiriya, bikanatuma ibikorwa by'ubucuruzi bidahagarara. RDB izakomeza gutanga amakuru uko bikenewe kandi no mu gihe hagize igihinduka ndetse no gusubiza ibibazo byose mwagira bijyanye naya mabwiriza.

### Ubukerarugendo

Ubukerarugendo burakomeza gukorwa nkuko bisanzwe mu Rwanda, kandi umutekano w'abashyitsi urizewe. Abasura u Rwanda barasabwa gukomeza gutembera ntacyo bikanga, kandi tubizeza ko ingamba zose zifatwa mu kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya Marburg.

Kubera ko Marburg itandurira mu mwuka, impungenge zuko hashyirwaho ingamba zo kugabanya ingendo ziracyari nke. Abadusura barizezwa ko abatanga serivisi, haba mu mahoteli n'ahandi, bose bubahiriza amabwiriza y'isuku, harimo gupimwa umuriro, gukaraba intoki kenshi, ndetse no kubahiriza isuku mu buryo bwose bushoboka.

### Inama n'ibindi bikorwa by'imbonankubone

U Rwanda rukomeza kwakira ibikorwa by'imbonankubone harimo n'inama mu buryo bwizewe, kandi umutekano w'abitabira ibyo bikorwa ugashyirwa imbere. Ahantu habera inama harasabwa gushyiraho ingamba z'isuku zinoze, nko gupima umuriro, gutanga aho gukarabira intoki, no kugabanya ibikorwa bisaba kwegerana cyane hagati y'abitabiriye. Ubu buryo bushingiye ku bushakatsi mu bijyanye n'ubuzima bugaragaza ko ibikorwa byose by'imbonankubone byakomeza kandi hakitabwa no kurengera ubuzima w'abitabira n'abakozi.

### Abashoramari

Ingamba nziza kandi zihuse zo kurengera ubuzima mu Rwanda ziba zigamije ko abaturage bakomeza kurindwa kandi n'ibikorwa by'ubukungu bigakomeza. Ibi bituma u Rwanda rukomeza kuba amahitamo meza ku bashoramari kandi rugakomeza kubakira mu buryo bukwiye.

Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rwiyemeje gukomeza kubaha amakuru yizewe no kwita ku mutekano n'imibereho myiza y'abantu bose mu Rwanda.

### Ku bindi bisobanuro:

**Ibibazo bijyanye n'ubuzima, mwahamagara RBC: 114 cyangwa musure urubuga rwa Minisiteri y'Ubuzima: www.moh.gov.rw**

**Kubaza Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) mwahamagara: 1415 cyangwa musure: https://rdb.rw/**